Rwanda Meteorology Agency

*ISO 9001:2015 CERTIFIED*

# ITEGANYAGIHE RY'AMEZI ATATU (UKWAKIRA-UGUSHYINGO-UKUBOZA) 2020 (N° 57)

Ikigo cy'igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kinejejwe no gutangariza Abaturarwanda bose ko mu mezi atatu: Ukwakira-Ugushyingo-Ukuboza y'igihembwe cy'Imvura y'Umuhindo 2020 muri rusange hateganyijwemo imvura nk'isanzwe igwa mu bihe byiza ariko ishobora kugabanuka hashingiwe ku miterere y'Uturere.

Ibi biraterwa nuko ubushyuhe bwo mu nyanja ngari cyane cyane iya Pasifika n'iy'Ubuhinde bwagabanutse munsi y'impuzandengo y'ubushyuhe busanzwe muri iki gihe kandi bukazagenda bugabanuka uko tugenda twinjira mu gihembwe. Igabanuka ry'ubushyuhe munsi y'ikigero gisanzwe muri izo Nyanja zombi rizatuma ingano y'ubuhehere bw'umwuka ujya mu kirere cy'Afurika y'Iburasirazuba ndetse n'u Rwanda igabanuka bishobobora gutuma tugira imvura iri ku kigero cy'imvura isanzwe cyangwa munsi yayo.

**Ingano y'imvura iteganyijwe mu mezi atatu Ukwakira-Ugushyingo–Ukuboza 2020 dushingiye ku miterere y'uturere:**

- **Imvura iri hagati ya milimetero 370 na 420** iteganyijwe mu Ntara y'Iburengerazuba mu turere twa Rusizi na Nyamasheke.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 350 na 400** iteganyijwe mu Ntara y'Amajyaruguru mu turere twa Musanze, Gakenke na Gicumbi no mu Ntara y'Iburengerazuba ukuyemo uturere rwa Rusizi na Nyamasheke.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 300 na 350** iteganyijwe mu Ntara y'Amajyepfo mu karere ka Nyaruguru na Nyamagabe.
- **Imvura iri hagati ya milimetero 270 na 320** iteganyijwe mu Ntara y'Amajyepfo mu turere twa Kamonyi, Ruhango, Muhanga, Nyanza, Huye na Gisagara; mu Ntara y'Iburasirazuba mu turere twa Nyagatare, Rwamagana na Gatsibo; mu Ntara y'Amajyaruguru mu turere twa Burera na Rulindo ndetse no mu turere twose tugize Umujyi wa Kigali.


P.O Box 898 KIGALI | E-mail :info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free: 6080
Address: **Nyarugenge KN2, 96st** | **Website: www.meteorwanda.gov.rw** | **Meteo Rwanda**




RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA

- **Imvura iri hagati ya milimetero 250 na 300** iteganyijwe mu Ntara y'Iburasirazuba mu turere twa Kirehe, Ngoma, Bugesera na Kayonza.

## IKARITA YEREKANA ITEGANYAGIHE RY'IMVURA ITEGANYIJWE MU MEZI ATATU UKWAKIRA–UGUSHYINGO-UKUBOZA 2020



Rwanda Meteorology Agency









RWANDA METEOROLOGY AGENCY - METEO RWANDA

Rwanda Meteorology Agency

**Imbonerahamwe igaragaza ingano y'imvura iteganyijwe mu mezi atatu: Ukwakira-Ugushyingo–Ukuboza 2020**

| INTARA | Akarere | Imvura iteganyijwe (mm) |
|---|---|---|
| Umujyi wa Kigali | Nyarugenge | 270-320 |
| | Gasabo | 270-320 |
| | Kicukiro | 270-320 |
| Amajyaruguru | Musanze | 350-400 |
| | Gicumbi | 350-400 |
| | Rulindo | 270-320 |
| | Burera | 270-320 |
| | Gakenke | 350-400 |
| Amajyepfo | Kamonyi | 270-320 |
| | Muhanga | 270-320 |
| | Ruhango | 270-320 |
| | Nyanza | 270-320 |
| | Huye | 270-320 |
| | Gisagara | 270-320 |
| | Nyamagabe | 300-350 |
| | Nyaruguru | 300-350 |
| Uburasirazuba | Bugesera | 250-300 |
| | Rwamagana | 270-320 |
| | Kayonza | 250-300 |
| | Ngoma | 250-300 |
| | Kirehe | 250-300 |
| | Gatsibo | 270-320 |
| | Nyagatare | 270-320 |
| Uberengerazuba | Nyabihu | 350-400 |
| | Rubavu | 350-400 |
| | Rutsiro | 350-400 |
| | Karongi | 350-400 |
| | Ngororero | 350-400 |
| | Nyamasheke | 370-420 |
| | Rusizi | 370-420 |

P.O Box 898 KIGALI | E-mail :info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free : 6080
Address: **Nyarugenge KN2, 96st** | **Website: www.meteorwanda.gov.rw** | **Meteo Rwanda**

**UBUJYANAMA KURI IRI TEGANYAGIHE**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) kirasaba inzego zose za Leta, Imiryango idaharanira inyungu, Imishinga itandukanye ikorera mu Rwanda, Amasosiyete y'abikorera ku giti cyabo ndetse n'Abaturarwanda bose muri rusange ko bakwiriye gushingira kuri iri teganyagihe bagafata ingamba zigamije kwirinda no gukumira ibiza, kwirinda no gukumira indwara, kubungabunga ibidukikije, gufata neza imiyoboro y'amazi n'ibindi bikorwa bifitiye igihugu akamaro.

Dushingiye ku Iteganyagihe ry'umuhindo 2020 (igihembwe cy'ihinga 2021A) ryatanzwe mu kwezi gushize turashishikariza kandi abaturarwanda bose bakora imirimo itandukanye cyane cyane iy'ubuhinzi n'ubworozi gutegura ibikoresho byifashishwa mu mirimo yo kuhira cyane cyane mu bice bikunze kugira imvura idahagije no kwita ku mihingire ibika amazi mu butaka.

Abakeneye ibindi bisobanuro birambuye kuri iri teganyagihe n'uburyo ryakoreshwa barasabwa kwegera Ikigo cy'igihugu gishinzwe Ubumenyi bw'Ikirere (Meteo Rwanda) cyangwa bagahamagara ku murongo utishyurwa 6080.

Iri teganyagihe rikomeza gukoreshwa ryunganirwa n'irindi risanzwe ritangwa mu gihe cy'ukwezi, iminsi icumi (10), iminsi itanu (5), iminsi itatu(3) ndetse n'iteganyagihe ritangwa buri munsi.

Bikore we i Kigali, ku wa 03/10/2020.

**Aimable GAHIGI**
**Umuyobozi Mukuru**

P.O Box 898 KIGALI | E-mail :info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda | Toll free : 6080
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda